21 FEV. 1985

0635 /15.04

Milita BIRAGUMA Agusitini
Komini GATARE
C Y A N G U G U.

Milita BIRAGUMA,

Ibaruwa yawe yo kuwa 15.01.1985 yerekeranye n'Irushanwa ly'Ubwanditsi narayibonye none ndagirango ngusubize muli make ku bibazo watugejejeho.

Kimwe mubyo usobanuza ulibaza igituma mu mategeko agenga iryo rushanwa harateganijwe umubare w'impapuro urushanwa atagomba kurenza cyangwa ngo ajye munsi wawo (hagati ya 15 na 30), bityo ukaba ukekako bishobora guca intege ushaka kwandika bike. Urakomeza uvuga ko icya ngombwa hakulikizwa za ngingo eshatu (3): GUFATANYA-AMAJYAMBERE-AMAHORO, maze urushije abandi agahabwa ibihembo bicililitse aho guteganya ibihembo bihanitse ndetse bidashobora kuboneka.

Nkuko byavuzwe kenshi mu biganiro intumwa za Ministeri zagiranye n'abayobozi b'urubyiruko, mu mabwiliza yatangajwe kuli Radiyo-Rwanda no munyandiko nyinshi zisobanura ibizakorwa kuli uyu mwaka, amarushanwa yose yateganijwe aganije cyane cyane gukangulira urubyiruko kwita kubikorwa bya kijyambere byongera umutungo w'umwimerere uhuje n'amatwara y'Igihugu cyacu, haba mu bidutunga, mu muco cyangwa mu bumenyi, Bityo twese tukazamenyerasho intera y'ibikorwa by'urubyiruko kugirango tuzarusheho kwita kubyaba bitali kuli gahunda.

Kubyerekeranye n'irushanwa mu bwanditsi ibyo bigaragalira cyane cyane mu ngingo ya kabili isobanura intego y'ilyo rushanwa. Ingingo ya gatandatu nayo isobanura ko inyandiko zizaba izambere zizahembwa, kandi ko "zizandikwa mu dutabo tuzagezwa kuli rubanda nyamwinshi" kugirango zizabahere urwibutso rw'Umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose. Ngiyo impamvu yatumye hateganwa byibuza impapuro cumi n'eshanu (15).

.../...

Imigambi yacu rero ntabwo ali iyo guca intege abazajya muli ili rushanwa. Ahubwo icyo dushaka ni ugufatanya kwigeza ku majyambere nyayo asendereye amahoro.

Byongeye kandi, n'ubwo bitanditswe mu mabwiliza agenga ilyo rushanwa, tuzagerageza gutangaza mu binyamakuru, nk'IMVAHO, HOBE cyangwa ibindi, inyandiko ngufi tuzashyikilizwa n'abanditsi kugirango zibere nyine rubanda nyamwinshi inyigisho ihamye ikomotse k'umwaka w'urubyiruko.

Naho ibihembo bizatangwa hakulikijwe umutungo wa Ministeri kandi bihabwa abazaba babikwiye.

Nkoherereje amabwiliza y'irushanwa ly'ubwanditsi n'ibitekerezo-nyobozi by'amarushanwa. Nizeye ko ibi bisobanuro bizagufasha kurushaho gufutukirwa n'intego z'uyu mwaka nifuzako wa kubera mwiza ukanagusigira n'imigambi ihamye yo gukorera hamwe mu mahoro kugirango ugere ku majyambere yawe n'ay'Igihugu.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Bourgmestri wa
Komini GATARE
C Y A N G U G U

BIRAGUMA AUGUSTIN
CYANGUGU GATARE
BUHORO

Buhoro le 15-01-85

→ KURAHUKUBONE
répondre

5/2/85

A traiter par: DGJ
Date entrée: 29/01/85
N° Classement: 1058/85

04

MUDATENGUHA RADIYO RWANDA

Kubatugezaho ikiganiro cy'urubyiruko duhugukire amajyambere.

Nifuje kubandikira iyi baruwa ndende ku kibazo cyerekeranye n'irushanwa ry'ubwanditsi ririzihiza umwaka wacu w'urubyiruko.

Ikibazo cyanjye kikaba gishingiye ku mategeko azakulikizwa yatugezeho yaratinze. Kubyerekeye impapuro mwasabye nkaba nsanga bitali ngombwa kutibuza gukosorerwa ibyacu kubera ubuke bw'amapaje mudusaba.

Ku giti cyange icyangombwa n'ukulikizwa za ngingo eshatu (3) GUFATANYA AMAJYAMBERE AMAHORO. Kuko nsanga ibyiza bishobora kuboneka mu bike, nkuko bishobora kuboneka mu byinshi.

Ibi nkaba mbihera ku irushanwa ORINFOR ya koresheje umwaka ushize. Mu bantu ibihumbi bine (4000) habuzemo uwaba uwa mbere! Ibyo bikaba byarakomotse ku bulyo busa butyo.

Jye nsasanga kwaba ali ukuduca intege cyane Aho mbona biva ni mubyerekeye ikemba, litegnya byinshi bitaboneka.

Tukaba dusanga aliho bigwa, nibura mwajya muteganya ibihembo bicilibitse kuboneka.

Nizeye ko iyi baruwa yanjye TWUNGURANE IBITEKEREZO nitageraho muzansubiza kuli Radiyo cy Posta

BIRAGUMA Augustin

[signature]